IMYUMVIRE

Umutima uhorana umunezero ni nk' umuti kuri nyirawo.

IHAME RY' ICYUMWERU

Imyumvire- webster yabonye ko imeze nk' igicumbi cy' intekerezo zi umuntu cyangwa se aho imyifatire y' umuntu ishingiye bitewe ni myumvire. Akenshi tubwirwa kugira imyumvire igana ku byiza. Imyumvire ni igice ubarizwamo, haba cyiza cyangwa ikibi, bityo rero iyo duhuye ni umuntu , biroroha kumenya igicumbi cy' imyumvire afite.

Imyumvire iboneye, ni imbuto dushobora kubiba/ kurema bishingiye ku myumvire myiza. Guhorana imyumvire myiza birenze guhora tuvuga gusa ko "dufite iyo myumvire myiza" cyangwa se no ukwitoza uwo muco wo kubitekerezaho no kubyakira.

Imyumvire myiza ni umusaruro uzanwa ni cyubahiro dufite. Bisaba gushira amanga no guhozaho mu kurema imyumvire myiza. Bityo rero tugomba kugaburira ubwonko bwacu ni indyo ikungahaye ku bitekerezo byiza, twiyubakamo icyizere cy' icyo tuzaba cyo ejo hazaza. Imyumvire iganisha ku byiza idufasha kureba ubuzima mu yindi shusho. Aho usanga haboneka izindi mbaraga tutazi zagose imibereho yacu. Rimwe na rimwe amasomo tuhigira ugasanga asumbye agaciro indunduro/amaherezo yabyo.

Ni tumara kumenya neza ko uburambe tubona bufite agaciro, bityo ni imyumvire yacu ku bantu ndetse ni ibihe bizahinduka. Imyumvire yacu iganisha ku byiza, kabone ni ubwo ibyo twifuza byose bitaba amahire. Ukuri ni uko twaba tureba bugufi mu gihe twibwira/ twiyumvisha ko ibintu bigomba kugenda uko twabitekereje. Oya ibyo si ukuri.

Kuti buri ntego hagomba impamvu ifatika, kuri buri cyifuzo hagomba kuba impamvu nziza kandi no kuri buri ntsinzi hagomba kuba indanga gaciro nyazo. Intsinzi ikunda kuzitirwa ni bibazo. Kubona umudali wa zahabu tugomba gukemura ibibazo. Mu gukemura ibibazo dukeneye gushira amanga no guhozaho, bityo rero ni ishuli twigiramo uburambe bwo kubona imidali. Ni uko amaherezo, maze icyo twize dushakisha wa mudali kiduhesha agaciro karenze ya zahabu ubwayo. Igihe tuzaba dufite ibitekerezo bigeze aha, imyumvire yacu izaba iganisha ku byiza kuko tuzaba tutagitinya ibibazo, kuko tuba twatahuye icyihishe inyuma yabyo. Ibi bimeze nko gushakisha umutungo wahishwe,duhora tureba hirya y' ibitwugarije. Imyumvire myiza iduhesha kugera ku byiza by'ejo hazaza. Imyumvire mibi izatuzitira mu gihe cya none gusa, kandi ni iterambere ribe rito cyane. Byombi usanga bidutera guhagarika umutima. Abi myumvire mibi bagira ubwoba ndetse bakabura amahoro, naho abi imyumvire myiza bahorana imbaraga ni iterambere.

INYUNGU

1. Iyo ufite imyumvire myiza, ubwoba buragabanuka kuko ibibazo bibonerwa impamvu.
2. Ubukure n' instinzi bikugeraho mu gihe unesheje imyumvire yo kwibabarira, kwikunda/ kwikubira n' indi myumvire itari myiza.
3. Ushobora guhindura umurongo w' ubuzima bwawe mu gihe uhora wisuzuma ndetse no gusanisha imyumvire yawe neza.
4. Uzabiba imbuto y'ibyiringiro mu gace ubarizwamo, mu nshuti ni abavandimwe ku kazi.

Inzira ni mikorere yo IMYUMVIRE

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Itoze kuyobora ibitekerezo byawe. Ni kimwe ni umutsi ushobora gukomezwa no gukora imyitozo. Ishobora gutozwa gutekeza ibyiza kandi bijyanye ni ugashaka kwawe.
2. Rangaza ibitekerezo byawe ku byiza, ibyishimo ni instinzi. Ubwonko ntibushora kwishima budafite ikiburangaje. Bityo ugasanga bwagiye ahandi mu gihe utabuhaye icyerekezo, ugasanga bwayobotse mu gice bwisanzuramo. Igihe cyose ujye wibwira ngo, "yego ndabishoboye." Hitamo "ndashoboye" na "nzashobora" maze ubibe imbuto/intego nziza hamwe ni icyerekezo.
3. Itoze gutandukanya ibimenyetso bibi. Kubaka intumbero idasubira inyuma bizagufasha gutambuka inzitizi n'inkuta bityo ujye imbere. Ibimenyetso/ imvugo z' incantege zigirwa: ni inyangabirama, ndetse no kutagira umwete hamwe ni ubunebwe.
4. Reba hakurya ya none. Ibihe bya hise bidufasha kwisuzuma ariko rero sibwo buryo bwiza bwo kwegera ejo hazaza. Igihe cyose ujye urangarira ejo hazaza kuko ari ho hatugeza ku ntego twihaye. Ibi kandi bitwongerera ibyiringiro maze ibyiringiro bikaba umusemburo utugeza ku bikorwa, bityo hakavuka imbaraga zikemura ibibazo. Mu gihe dufite ibitekerezo biduca intege, ihutire kwibuka intego wihaye hamwe ni ibihembo by' izo ntego. Mu gihe utarambuye amaso yawe ku by'ejo hazaza uzicuza cyane ku byahise, utinya amafuti yakubaho mu ndagihe/ ubu none.
5. Gira icyerekezo gifite intego ku buzima bwawe; kugera ku ntsinzi dukenera intego. Ibi rero bizaguha intumbero hamwe n' icyerekezo ku myifatire yawe.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese birashoboka ko abantu mubana bavuga ko ugira imyumvire mibi cyangwa se imyiza?
2. Byaba byiza kurushaho ubajije abari bukubwire ukuri kweruye!
3. Ese ni yihe "ntabwe wakurikiza" ndetse wumva wiyemeza kuzakora?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			